



KINAZI CASSAVA PLANT LTD
TIN: 102538468
RUHANGO DISTRICT
SOUTH PROVINCE, RWANDA

REF: 466/CEO/jb/2023

DATE: 25th/01/2024

IMPAMVU: ITANGAZO RISABA ABIFUZA GUPIGANIRA GUKORANA
N'URUGANDA KINAZI CASSAVA PLANT (KCP) LTD KUJYEMURA IBICANWA.

KINAZI CASSAVA PLANT (KCP) LTD ni uruganda ruherereye mu ntara y'amajyepfo mu karere ka Ruhango, umurenge wa Kinazi akagari ka Rutabo. Uruganda rukaba rukora imirimo yo gutunganya imyumbati rugakoramo ifu y'imyumbati (Ibiribwa by'abantu) icuruzwa ku isoko ry'imbere mu gihugu no hanze yacyo.

Imwe mu mirimo uruganda rukora harimo icyenera gukoresha ibicanwa byumye birimo **ibarizo, ibitiritiri n'ibindi nk'ibishishwa bya kawa.** Ni muri urwo rwego, ubuyobozi bw'uruganda busaba abifuza gukorana n'uruganda mu kujyemura ibyo bicanwa byavuzwe haruguru *ko bakohereza amabaruwa agaragaza ubushake bwo gukorana n'uruganda, ubwoko bw'ibicanwa bajyemura n'ingengabihe (mu mwaka wose) uko byazajya biboneka ndetse n'igiciro ku kilo kimwe kuri buri bwoko bw'ibicanwa.*

Amabaruwa afunze, asabwe kugezwa ku kicaro **cy'uruganda (KCP Ltd)** mu ntara y'Amajyepfo, Akarere ka Ruhango, Umurenge wa Kinazi cg ku biro by'uruganda bipherereye mu mugi wa Kigali, mu nyubako ya CHIC, etaje ya kabiri bitarenze tariki ya **8th/02/2024**. Amabaruwa kandi ashobora koherezwa kuri emeyili y'uruganda info@kcp.rw (cc f.muhire@kcp.rw).

Ku bindi bisobanuro mushobora gusura urubuga rw'uruganda "www.kcp.rw" cg muahamagara nimo +**250736790327** z'umukozi ushinzwe gutanga amasoko.

Icyitonderwa: Ku mugerekwa murahasanga amakuru arambuye ku bicanwa bicyenerwa nibyo ujyemura agomba kuba yujuje.

CHAKULA CHA KILA SIKU

ISO 22000:2018 FSMS CERTIFIED COMPANY
RS 184:2017 HACCP SYSTEM CERTIFIED COMPANY



KINAZI CASSAVA PLANT LTD
TIN: 102538468
RUHANGO DISTRICT
SOUTH PROVINCE, RWANDA

Jerome BIZIMANA

Umuyobozi Mukuru w'uruganda KCP Ltd

**INYANDIKO IGARAGAZA AMAKURU ARAMBUYE KU BICANWA
BICYENERWA N'IBYO UPIGANIRA ISOKO AGOMBA KUBA YUJUJE**

I. IBICANWA

Ibicanwa bivugwa ni: Ibarizo, Ibitiritiri, ibishishwa bya kawa byose byumye.

Ibicanwa bijyemurwa ku ruganda bigomba kuba byujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ibarizo, ibitiritiri, ibishishwa bya kawa byumye neza, bifite ubuhehere butari hejuru ya **20%**
2. Mu gihe ibyagemuwe ari ibarizo, ingano ya gasenyi ntigomba kujyera ku kigero cya 50% cy'ibicanwa byose byagemuwe.
3. Kuba ibarizo, ibitiritiri ari umwimerere hatavanzemo ibisigazwa bya pulasitiki, ibyuma n'imbaho cg ibiti binini, amabuye, itaka cg umusenyi/umucanga.

II. UJJYEMURA:

Ujjyemura ibicanwa byavuzwe haruguru agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ari inyangamugayo
2. Kuba ari umucuruzi wemewe ufite ibyangombwa by'ubucuruzi bitangwa na RDB
3. Kuba atanga facture ya EBM buri gihe cyose agemuye ibicanwa cg yishyuwe
4. Kujyemura ibicanwa igahe cyose abisabiwe
5. Kuba afite ubushobozzi bwo kujyemura ibicanwa mu ngano (Quantity) yose yasabwa mu gihe icyo ari cyo cyose.
6. Kujyemura ibicanwa byujuje ubuziranenge bwavuzwe haruguru mu gihe cyose.
7. Kujyemura ibicanwa gusa mu gihe yabisabwe cg yahawe gahunda n'uruganda

CHAKULA CHA KILA SIKU

**ISO 22000:2018 FSMS CERTIFIED COMPANY
RS 184:2017 HACCP SYSTEM CERTIFIED COMPANY**



KINAZI CASSAVA PLANT LTD
TIN: 102538468
RUHANGO DISTRICT
SOUTH PROVINCE, RWANDA

8. Kuba afite ubushobozi bwo kubona transport yo kujyeza ibicanwa ku ruganda Igihe bibaye ngombwa

**Bikorewe I Kinazi,
Ku wa, 25th/01/2024**

**Jerome BIZIMANA
Umuyobozi mukuru**

Osm C



CHAKULA CHA KILA SIKU

**ISO 22000:2018 FSMS CERTIFIED COMPANY
RS 184:2017 HACCP SYSTEM CERTIFIED COMPANY**